IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA ISANZWE YO KU WA 07 GICURASI 2011.

Ku wa Gatandatu tariki ya 07 Gicurasi 2011, Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yarateranye mu nama yayo isanzwe y'igihembwe cya kabiri cyo mu mwaka wa 2011. Iyo nama yabereye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ahitwa "Innovation Center".

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Bwana ZINARIZIMA Diogène, amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 28 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Iyo nama yitabiriwe na bamwe mu bagize inteko ishinga amategeko y'u Rwanda aribo:

- Nyakubahwa Senateri AYINKAMIYE Spéciose
- Nyakubahwa Depite NYIRARUKUNDO Ignatienne
- Nyakubahwa Depite NYANDWI Joseph Désiré
- Nyakubahwa Depite UWIMANA Espérance
- Nyakubahwa Depite MUKAMURANGWA SEBERA Henriette

Iyo nama yitabiriwe kandi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamagabe n' abakuru b'imirimo ku Karere.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku bitabiriye inama ingingo ziri bwigweho ari zo zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyamagabe yo ku wa 20 Werurwe 2011.
2. Kwemeza abakozi b'Akarere batsinze ibizamini binyuze mu ipiganwa.
3. Kungurana ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari (budget) y'Akarere y'umwaka wa 2011-2012.
4. Kungurana ibitekerezo ku bwisanzure mu mikorere ya Farumasi y'Akarere ka Nyamagabe.
5. Gushyiraho abagize Komite y'ubugenzuzi (Audit Committee) ku rwego rw'Akarere ka Nyamagabe.
6. Kungurana ibitekerezo ku mikorere y'abakozi b'Akarere mu rwego rwo kurushaho gutanga umusaruro.
7. Ibindi.

Abajyanama bamaze kugezwaho ibiri ku murongo w'ibyigwa, umwe mu bajyanama yasabye ko ingingo ya 6 yerekeranye no kungurana ibitekerezo ku mikorere y'abakozi b'Akarere mu rwego rwo kurushaho gutanga umusaruro, yagirwa iya 2 ikigwa ibanjirije iyo kwemeza abakozi b'Akarere batsinze ibizamini binyuze mu ipiganwa kubera ko zombi zirebana n'abakozi b'Akarere; maze Inama Njyanama ibyemeza ku bwumvikane busesuye.

Mu bindi, umwe mu bagize Komite Nyobozi yasabye ko yageza ku Bajyanama aho igikorwa cyo kurwanya nyakatsi kigeze mu Karere ka Nyamagabe maze Abajyanama babyemeza ku bwumvikane busesuye.

I.KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE YO KU WA 20 WERURWE 2011.

Abagize inama Nyanama y'Akarere ka Nyamagabe bemeje ku bwumvikane busesuye inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 20 Werurwe 2011, imaze gusomwa no gukorerwa ubugororangingo.

II.KUNGURANA IBITEKEREZO KU MIKORERE Y'ABAKOZI B'AKARERE MU RWEGO RWO KURUSHAHO GUTANGA UMUSARURO.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagejeje ku bagize Inama Njyanama ibitekerezo 2 birebana n'iyi ngingo ari byo:

- Gufata icyemezo cyo guhagarika Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Nyamugari (Bwana KABANDA Adrien) mu Murenge wa Gasaka.
- Gusuzuma ibirebana no guhindurira Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge imwe n'imwe aho bakoreraga.

Abagize Inama Njyanama bamaze gusobanurirwa amakosa yagaragaye ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Nyamugari n'ibyemezo byamufatiwe ; basanze uyu Munyamabanga Nshingwabikorwa, atarigeze yandikirwa n'Ubuyobozi bw'Akarere asabwa gutanga ibisobanuro ku makosa amuvugwaho, maze ku bwumvikane busesuye bemeza ko Komite Nyobozi izategura neza mu nyandiko, dosiye igaragaza amakosa yakozwe n'uyu Munyamabanga Nshingwabikorwa, kandi ikazanakurikiza inzira zose ziteganywa n'amategeko kugira ngo uyu mukozi abe yasezererwa burundu mu kazi; maze bikazasuzumwa mu Nama Njyanama itaha.

Ku ngingo yo guhindurira Abanyamabanga Nshingwabikorwa bamwe na bamwe aho bakorera; Komite Nyobozi yagejeje ku Nama Njyanama uburyo yifuza kubahinduranya hagamijwe kurushaho gutanga umusaruro. Abajyanama bamaze kubyunguranaho ibitekerezo, bemeje ku bwumbikane busesuye ko Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bahindurirwa aho bakoreraga ku buryo bukurikira:

No	UMURENGE	UWAWUYOBORAGA	UMUYOBOZI MUSHYA
1	Buruhukiro	NIYONSABA Anaclet	MANIRARORA Paul
2	Cyanika	Nta S.E wari ufite	NDORIMANA Jean Chrystome
3	Gasaka	GASANA Richard	GASANA Richard
4	Gatare	HAGENIMANA Pacifique	NKUNZI P.Célestin
5	Kaduha	MUDATEBA Jean d'Amour	MUDATEBA Jean d'Amour
6	Kamegeri	Nta S.E wari ufite	(Ari bwemezwe ku ngingo yo kwemeza abakozi)
7	Kibilizi	NKUNZI P.Célestin	KANUNI Joseph
8	Kibumbwe	NSANZIMANA Vedaste	NSANZIMANA Vedaste
9	Kitabi	ZIGIRUMUGABE Emmanuel	ZIRUMUGABE Emmanuel
10	Mbazi	NDORIMANA Jean Chrystome	HAGENIMANA Pacifique
11	Mugano	KABANDA Claude	UTAZIRUBANDA F.Xavier
12	Musange	KANUNI Joseph	(Ari bwemezwe ku ngingo yo kwemeza abakozi)
13	Musebeya	UTAZIRUBANDA F.Xavier	ZIHERAMBERE Anastase
14	Mushubi	MANIRARORA Paul	KABANDA Claude
15	Nkomane	ZIHERAMBERE Anastase	(Ari bwemezwe ku ngingo yo kwemeza abakozi)
16	Tare	BAYIRINGIRE Jean	BAYIRINGIRE Jean
17	Uwinkingi	Nta S.E wari ufite	NIYONSABA Anaclet

III. KWEMEZA ABAKOZI B'AKARERE BATSINZE IBIZAMINI BINYUZE MU IPIGANWA.

Umuyobozi w'Akanama gashinzwe kujonjora abakozi, amaze kugeza ku Bajyanama incamake y'ibyavuye mu ipiganwa, Inama Njyanama imaze kubitangaho ibitekerezo ndetse no guhabwa ibisobanuro ku byerekeranye n'amadosiye, amanota n'imyitwarire y'abatsinze ibizamini binyuze mu ipiganwa, yemeje ku bwumvikane busesuye abakozi inabashyira mu myanya y'akazi ku buryo bukurikira:

1. **Uwatsinze ku mwanya w' umushoferi wa farumasi y'akarere.**

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Total %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	MUHIRE Alfred	N5	14	14.7	28.7	71.75%	A2 Comptabilité+ permis de conduire catégorie B	Pharmacie y'Akarere ka Nyamagabe

2. **Uwatsinze ku mwanya wa "director of administration"**

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Total %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	KABAYIZA Lambert	N5	16	15,8	31,8	79%	Ao Comptabilité	Akarere ka Nyamagabe

3. **Abatsinze ku mwanya wa "Executive secretary of sector"**

No	Amazina	Code	Ikizamini cyanditse/20	Interview/20	Total/40	Total%	Ibyo yize	Aho azakorera
1	UWIRAGIYE G.Anatole	B23	17	16,6	33,6	84%	Ao Agriculture	Kamegeri
2	HANGANYIMANA P.Célestin	B45	18	15,5	33,5	83.75 %	Ao Education	Musange
3	NYANDWI Eliezer	B38	16,5	15,3	31,8	79.5 %	A_0 Rural development	Nkomane

4. **Uwatsinze ku mwanya wa "Intendant (e) de l'école"**

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Igiteranyo %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	BURUHUKIRO Eugénie	H3	16.5	13.8	30.3	75.75	A_0 Comptabilité	TTC Mbuga

5.Uwatsinze ku mwanya wa "formateur (trice) technicien(ne) en construction "

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Igiteranyo %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	MURWANASHYAKA Abel	NJ3	14.5	14.5	29	72.5	$A_{0\ construction}$	VTC Mwogo

6.Uwatsinze ku mwanya wa "In charge of water and environment"

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Igiteranyo %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	KARANGWAYIRE Ancille	T9	14.5	14.9	29.4	73.5	A_0 Développement rural	Akarere ka Nyamagabe

7.Uwatsinze ku mwanya wa "In charge of community settlement and urban development"

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Igiteranyo %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	MUHIRWA Vedaste	X3	15	15,2	30,2	75.5	A_0 Génie civil	Akarere ka Nyamagabe

8.Uwatsinze ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari.

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Igiteranyo %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	DUSHIMIRIMANA Marthe	Z36	13	16.2	29.2	73	A2 Math-Physique	Nyamigina/Tare

9.Uwatsinze ku mwanya wa " Statisticien(ne)"

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Interview/20	Total/40	Total/100	Ibyo yize	Aho azakorera
1	**NGARAMBE J.Paul**	**Y7**	13.75	16.6	30.3	**75.75**	A0 Statistique	Akarere ka Nyamagabe

jarofye.

10.Abatsinze ku mwanya wa "Développement socio- économique au niveau des cellules"

No	Amazina	Code	Amanota y'ikizamini cyanditse/20	Amanota ya Interview/20	Igiteranyo/40	Igiteranyo %	Ibyo yize	Aho azakorera
1	NGIRUMWAMI J.Baptiste	A226	17,5	15,3	32,8	82	A2 Agricole	Gasaka/Kigeme
2	SIBOMANA Laurant	A84	13,5	18,4	31,9	79,75	A2 Agricole	Mushubi/Gashwati
3	NYANKOBWA Albertine	A113	13,5	18,3	31,8	79,5	A2 Agricole	Kaduha/Nyabisindu

4	DUSABIREMA Emma-Marie	A58	12,5	18,5	31	77,5	A2 Agricole	Cyanika/Nyanza
5	MUSABYEMARIYA Epiphanie	A210	13	17,8	30,8	77	A2 Agricole	Kaduha/Kavumu
6	MATEKA M.Angelo	A93	12	18,1	30,1	75,25	A2 Agricole	Nkomane/Nkomane
7	MUNYURWA Félix	A172	13,5	16,5	30	75	A2 Veterinaire	Musebeya/Sekera
8	KARANGANWA Olivier	A248	13,5	16,5	30	75	A2 Agricole	Kibumbwe/Gakanka
9	BAHUZA William	A134	11,5	18,4	29,9	74,75	A2 Agricole	Kibumbwe/Bwenda
10	MUHAYIMANA Thimothée	A139	14	15,7	29,7	74,25	A2 Agricole	Mbazi/ Manwari
11	URIMUBENSHI J.de Dieu	A266	13,5	16,2	29,7	74,25	A2 Agricole	Kamegeri/Bwama
12	NDAKAZA Charles	A52	13	16,7	29,7	74,25	A2 Agricole	Mushubi/Cyobe
13	MUHIRE Christopher	A224	12	17,5	29,5	73,75	A2 Agricole	Gasaka/Nzega
14	NIYONASENZE Jean	A148	11,5	17,9	29,4	73,5	A2 Agricole	Nkomane/Bitandara
15	NSHIMIYIMANA Emile	A49	11,5	17,8	29,3	73,25	A2 Foresterie	Kibirizi/Uwindekezi
16	DUSABIMANA Innocent	A267	13	16,3	29,3	73,25	A2 Agricole	Cyanika/Karama
17	REKERAHO Gabriel	A276	13,5	15,7	29,2	73	A2 Agricole	Musebeya/Runege
18	NYIRAHABIMANA Sarah	A187	12,5	16,7	29,2	73	A2 Foresterie	Gasaka/Remera
19	KAGOYISAGE Emilie	A11	12	17,2	29,2	73	A2 Agricole	Kamegeri/Rususa
20	SEZITEGEYE Joseph	A260	12	17,2	29,2	73	A2 Agricole	Musange/Masizi

21	NYIRACUMI Alphonsine	A138	11	18,2	29,2	73	A2 Agricole	Gasaka/Nyabivumu
22	HABIMANA Emmanuel	A170	13	16,1	29,1	72,75	A2 Veterinaire	Tare/Buhoro
23	HATEGEKIMANA Augustin	A133	12,5	16,6	29,1	72,75	A2 Veterinaire	Cyanika/Ngoma
24	MUKAMANA M.Jeanne	A235	13	16	29	72,5	A2 Veterinaire	Gatare/Gatare
25	NDUWAYEZU Donath	A147	12,5	16,5	29	72,5	A2 Agricole	Mugano/Gitwa
26	NZABAMWITA Evariste	A204	12,5	16,5	29	72,5	A2 Agricole	Uwinkingi/Gahira
27	NIYONZIMA Viateur	A238	12	17	29	72,5	A2 Agricole	Cyanika/Gitega
28	NTIRUSHWA Venuste	A29	11,5	17,5	29	72,5	A2 Agricole	Uwinkingi/Kibyagira
29	NIYOMUGABO Patrick	A208	11	18	29	72,5	A2 Agricole	Buruhukiro/Munini
30	NZACAHINYERETSE Olivier	A244	12,5	16,4	28,9	72,25	A2 Agricole	Tare/ Nyamigina
31	MUDACUMURA Eric	A175	11	17,9	28,9	72,25	A2 Agricole	Buruhukiro/Rambya
32	MUSONI J.M.Vianney	A178	11	17,9	28,9	72,25	A2 Foresterie	Gatare/ Mukongoro
33	NYIRASIKAMWE M.Jeanne	A125	13,5	15,3	28,8	72	A2 Veterinaire	Uwinkingi/Bigumira
34	IRAGUHA Jean de Dieu	A23	12,5	16,3	28,8	72	A2 Agricole	Buruhukiro/Bushigishigi
35	SIBOBUGINGO Aloys	A196	11	17,8	28,8	72	A2 Agricole	Buruhukiro/Byimana
36	DUSINGIZIMANA Theoneste	A14	12,5	16,2	28,7	71,75	A2 Veterinaire	Kitabi/Kagano
37	NTEZIRYAYO Théogène	A274	12,5	16,2	28,7	71,75	A2 Veterinaire	Kitabi/Shaba

38	MUVUNYI KALISA Emmanuel	A277	12,5	16,1	28,6	71,5	A2 Veterinaire	Cyanika/Nyanzoga
39	UWIZEYIMANA GATOYA Benjamin	A 252	12,5	16,1	28,6	71,5	A2 Veterinaire	Tare/Gasarenda
40	MBONIMPA Valens	A154	11	17,6	28,6	71,5	A2 Agricole	Kamegeri/Kamegeri
41	NIYOYIGENERA Cresence	A30	12,5	16	28,5	71,25	A2 Agricole	Musange/Masagara
42	RWASIBO Joseph	A140	11	17,5	28,5	79,75	A2 Veterinaire	Kamegeri/Kizi
43	HITIYAREMYE Jean Damascene	A223	11,5	16,9	28,4	71	A2 Foresterie	Nkomane/Musaraba
44	UWIBAMBE Chantal	A114	10,5	17,9	28,4	71	A2 Agricole	Kibirizi/Gashiha
45	NSENGIMANA Aimable	A257	10,5	17,8	28,3	70,75	A2 Agricole	Kibumbwe/Kibibi
46	NZACAHINYERETSE Janvière	A207	12	16,2	28,2	70.5	A2 Agricole	Kaduha/Musenyi
47	SIBOMANA Martin	A222	15	13,2	28,2	70,5	A2 Agricole	Mugano/Sovu
48	SINDIKUBWABO Eugène	A91	12,5	15,7	28,2	70,5	A2 Veterinaire	Kitabi/Mujuga
59	NTABUDAKEBA David	A247	10	18,2	28,2	70,5	A2 Agricole	Gatare/Bakopfu
50	NTAKIRUTIMANA Cyprien	A265	14	14,1	28,1	70,25	A2 Agricole	Musange/Jenda
51	NDORIMANA James	A164	12,5	15,6	28,1	70,25	A2 Foresterie	Mugano/Ruhinga
52	NZAMWITAKUZE Aimable	A253	12,5	15,6	28,1	70,25	A2 Foresterie	Tare/Nkumbure
53	NZABONIMPA Ezechias	A36	11,5	16,6	28,1	70,25	A2 Foresterie	Gasaka/Ngiryi
54	MUKARUGWIZA Claudette	A130	10,5	17,6	28,1	70,25	A2 Veterinaire	Mbazi/Mutiwingoma

55	MUKANDAYISENGA Claudine	A156	13,5	14,6	28,1	70,25	A2 Veterinaire	Mbazi/Ngambi
56	BYUKUSENGE Félix	A80	10	18,1	28,1	70,25	A2 Agricole	Uwinkingi/Rugongwe
57	MUSHIMIYIMANA Benile	A264	10	18,1	28,1	70,25	A2 Agricole	Gatare/Ruganda
58	MUKANSANGA Francine	A90	12,5	15,5	28	70	A2 Veterinaire	Mugano/Yonde
59	NDAYISENGA J.Baptiste	A168	11,5	16,5	28	70	A2 Agricole	Musebeya/Rugano
60	KWIZERA Aoudith	A122	10,5	17,5	28	70	A2 Foresterie	Kitabi/Uwingugu
61	VUZIMPUNDU Jacqueline	A137	10,5	17,5	28	70	A2 Veterinaire	Musebeya/Rusekera
62	MUNYENSANGA Oswald	A71	10	18	28	70	A2 Agricole	Kibirizi/Bugarama
63	NIYONSABA Alphonsine	A167	10	18	28	70	A2 Veterinaire	Nkomane/Twiya
64	MUKANTAGANIRA Libérée	A209	10	18	28	70	A2 Agricole	Uwinkingi/Munyege
65	NYAMPINNGA Josianne	A232	10	18	28	70	A2 Agricole	Kibirizi/Ruhunga
66	MUSENGIMANA Fortunnee	F2	10	18	28	70	A2 Agricole	Buruhukiro/Kizimyamuriro

N.B : Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo y'ikoreshwa ry'ibizamini igaragaza :

1. Urutonde rw'imyanya yatangajwe n'imibare y' abakandida bayisabye;
2. Urutonde rugaragaza abakandida batoranyijwe, abataratoranijwe n'impamvu;
3. Amazina y'abakandida bakoze ibizamini byose n'amanota babonye;
4. Kopi y'ibibazo byabajijwe n'ibisubizo byabyo;
5. Aho ibizamini byabereye, itariki, n'isaha;
6. Amazina n'imikono y'abakoresheje ibyo bizamini bakanabikosora

IV.KUNGURANA IBITEKEREZO KU MUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE Y'UMWAKA WA 2011-2012.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe bagejeje ku bagize Inama Njyanama y'Akarere incamake y'ibigaragara mu mushinga w'ingengo y'imari y'umwaka wa 2011-2012 ; basanga bizatwara akayabo ka miliyari umunani na miliyoni magana atanu na cumi n'esheshatu n'ibihumbi magana atanu na mirongo itatu n'icyenda n'amafaranga magana inani na mirongo inani n'icyenda y'amafaranga y'u Rwanda (8.516.539.889 frw). Iyo ncamake ikubiyemo ibi bikurikira :

- Imirongo migari y'ibizakorwa ;
- Amafaranga azakoreshwa n'aho azaturuka ;
- Ibikorwa binyuranye azakoreshwamo ;
- Imishinga izagaragaza impinduka .

Inama Njyanama imaze kubyunguranaho ibitekerezo, ku bwumvikane busesuye yemeje ko Komite Nyobozi izanoza uyu mushinga w' ingengo y'imari yita kuri ibi bikurira :

- Gutegura umushinga w' ingengo y'imari yitaye kuri "format" yatanzwe na MINECOFIN ;
- Kugaragaza amadeni Akarere gafitiye abantu batandukanye n'uburyo azishyurwa ;
- Kugaragaza uburyo ingengo y'imari isubiza ibibazo bishingiye ku buringanire ;
- Kugaragaza uburyo ingengo y'imari isubiza ibibazo by'abamugaye n'abatishoboye.

V.KUNGURANA IBITEKEREZO KU BWISANZURE BWA MU MIKORERE YA PHARMACIE Y'AKARERE KA NYAMAGABE

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibisobanuro na Komite Nyobozi y'Akarere ifatanije n'Umuyobozi wa Farumasi y'akarere kuri iyi ngingo, basanze itateguwe neza mu buryo bwo kwerekana ishusho rusange ya Farumasi y'Akarere muri iki gihe. Banasanze kandi ingingo zisabirwa ubwisanzure zitagaragara neza ndetse hatanagaragara uburyo amabwiriza ya Misitiri w'Ubuzima ateganya kwisanzura kwa Farumasi y'Akarere. Inama Njyanama ishingiye kuri ibi byavuzwe haruguru, yasanze ntaho yashingira ifata icyemezo cyo gutanga ubwisanzure mu mikorere ya Farumasi y'Akarere, maze ku bwumvikane busesuye yemeza ko Komite Nyobozi izategura neza iyi ngingo ishingiye ku bitekerezo byatanzwe, inagaragaze ibiburamo, maze bikazasuzumwa mu Nama Njyanama itaha.

VI.GUSHYIRAHO KOMITE Y'UBUGENZUZI (AUDIT COMMITTEE) KU RWEGO RW'AKARERE KA NYAMAGABE.

Inama Njyanama imaze gusobanurirwa na Komite Nyobozi y'Akarere ibirebana n'ishyirwaho,inshingano n'imikorere ya Komite y'ubugenzuzi nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri N^{0} 004/09/10 MIN yo ku wa 01/10/2009, ashyiraho Komite y'ubugenzuzi mu buyobozi bwite bwa Leta, mu butegetsi bw'ibanze hamwe no mu bigo bya Leta, yashyizeho inemeza ku bwumvikane busesuye abagize komite y'ubugenzuzi ku rwego rw'Akarere ka Nyamagabe bakurikira :

- BACONDO Jean Baptiste
- KABUTO Michel
- NSHIMYUMUREMYI Paul
- NYIRAHATEGEKIMANA Verediyana

VII. IBINDI

1)Amakuru ku birebana na gahunda yo kurwanya nyakatsi mu Karere ka Nyamagabe

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bagejeje ku Bajyanama uko igikorwa cyo kurwanya nyakatsi gihagaze mu Karere ka Nyamagabe. Inama Njyanama yasanze hakiri amazu 234 akeneye isakaro, maze yemeza ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi igomba kwihutisha iki gikorwa. Inama Njyanama kandi yatanze inama z'ibyakorwa kugira ngo iryo sakaro riboneke , inemeza ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi y'Akarere izegera abantu batandukanye ikabasonurira impamvu n'imiterere y'iki gikorwa, ikanabashishikariza kugira icyo batanga ; cyane cyane hakibandwa ku byiciro bikurikira :

- Abakomoka mu Karere ka Nyamagabe n'inshuti zako batuye ahandi ;
- Abahinzi b'icyayi na kawa, bibumbiye mu makoperative ;
- Institutions zitandukanye (abakozi b'Akarere kuva ku rwego rw'Akarere kugera mu Tugari, abarimu, abakozi ba Centre de santé n'amavuriro, Banki, Inkiko, Parike, Gereza, EWASA,...)

Abajyanama kandi biyemeje kongera gutera inkunga icyo gikorwa aho buri wese yatanze nibura icya kabiri cy'insimburamubyizi igenerwa Umujyanama waje mu Nama Njyanama uwo munsi.

Inama yatangije imirimo yayo saa yine za mugitondo (10h00) iyisoza saa moya n'igice z'ijoro (19h30).

AYINKAMIYE Donatille

Umunyamabanga
w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

ZINARIZIMA Diogène

Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe